# Washington Poison Center

**Umurongo utangirwaho ubufasha: 1-800-222-1222**

Serivisi z'ubuntu zitangirwa muri Washington zerekeranye n'inama z'ubuvuzi ku bijyanye n'uburozi no gufata imiti irengeje igipimo.

**Umuntu wanyoye uburozi ukeneye ubutabazi bwihutirwa:**

Hamagara Washington Poison Center (800) 222-1222 ukeneye ubufasha bw'umuntu wanyoye uburozi ukeneye ubutabazi bwihutirwa. Inzobere zacu zikubwira niba bitekanye ko waguma mu rugo cyangwa niba ugomba gushaka aho wizuriza byihutirwa. Iyo umuntu atari guhumeka, yataye ubwenge cyangwa yaguye igicuri, uhamagara 911.




**Igisobanuro cy'uburozi:**

Uburozi ni ikintu icyo ari cyo cyose gishobora kwangiza iyo gikoreshejwe mu buryo butari bwo, hakoreshejwe ingano itari yo, cyangwa gikoreshejwe n'umuntu kitagenewe.

**Washington Poison Center irahari igihe cyose kugira ngo igufashe:**

- Ikora amasaha 24 ku munsi, iminsi 7 mu cyumweru
- Impuguke mu by'ubuvuzi zabihuguriwe ni zo zikwitaba
- Guhamagara ni ubuntu kandi bikorwa mu ibanga
- Hari na serivisi z'ubusemuzi zitangirwa ubuntu
- Ubufasha buhabwa uwanyoye uburozi ufite imyaka iyo ari yo yose
- Umuryango udaharanira inyungu

Ukeneye andi makuru wasura urubuga rwa Washington Poison Center ari rwo **https://www.wapc.org** cyangwa ugahamagara **(800) 222-1222**

**Impamvu zikunze kubaho zatuma uhamagara Washington Poison Center:**

- Impanuka mu rugo no ku bikoresho byo mu nganda
- Amakosa mu gufata imiti
- Kunywa uburozi ku bushake
- Ibibazo bijyanye no gufata imiti mu buryo buboneye
- Inama z'umutekano werekeranye n'uburozi

**Impungenge dufite zonyine n'izerekeranye n'ubuzima bwawe:**

Inzobere zacu zikubaza uko byakugendekeye, ibintu wanyoye, ibimenyetso ugaragaza n'imiti wagiye ufata. Zinakubaza izina ryawe na nomero ya telefone yawe kugira ngo zizagukurikirane zimenye uko umerewe. Zizakubaza ibyerekeranye na sitati y'ubwimukira cyangwa niba utuye mu buryo bwemewe n'amategeko.

KINYARWANDA

# Washington Poison Center

**Umurongo utangirwaho ubufasha: 1-800-222-1222**

Serivisi z'ubuntu zitangirwa muri Washington zerekeranye n'inama z'ubuvuzi ku bijyanye n'uburozi no gufata imiti irengeje igipimo.

**Umuntu wanyoye uburozi ukeneye ubutabazi bwihutirwa:**

Hamagara Washington Poison Center (800) 222-1222 ukeneye ubufasha bw'umuntu wanyoye uburozi ukeneye ubutabazi bwihutirwa. Inzobere zacu zikubwira niba bitekanye ko waguma mu rugo cyangwa niba ugomba gushaka aho wizuriza byihutirwa. Iyo umuntu atari guhumeka, yataye ubwenge cyangwa yaguye igicuri, uhamagara 911.



**Igisobanuro cy'uburozi:**

Uburozi ni ikintu icyo ari cyo cyose gishobora kwangiza iyo gikoreshejwe mu buryo butari bwo, hakoreshejwe ingano itari yo, cyangwa gikoreshejwe n'umuntu kitagenewe.

**Washington Poison Center irahari igihe cyose kugira ngo igufashe:**

- Ikora amasaha 24 ku munsi, iminsi 7 mu cyumweru
- Impuguke mu by'ubuvuzi zabihuguriwe ni zo zikwitaba
- Guhamagara ni ubuntu kandi bikorwa mu ibanga
- Hari na serivisi z'ubusemuzi zitangirwa ubuntu
- Ubufasha buhabwa uwanyoye uburozi ufite imyaka iyo ari yo yose
- Umuryango udaharanira inyungu

Ukeneye andi makuru wasura urubuga rwa Washington Poison Center ari rwo **https://www.wapc.org** cyangwa ugahamagara **(800) 222-1222**

**Impamvu zikunze kubaho zatuma uhamagara Washington Poison Center:**

- Impanuka mu rugo no ku bikoresho byo mu nganda
- Amakosa mu gufata imiti
- Kunywa uburozi ku bushake
- Ibibazo bijyanye no gufata imiti mu buryo buboneye
- Inama z'umutekano werekeranye n'uburozi

**Impungenge dufite zonyine n'izerekeranye n'ubuzima bwawe:**

Inzobere zacu zikubaza uko byakugendekeye, ibintu wanyoye, ibimenyetso ugaragaza n'imiti wagiye ufata. Zinakubaza izina ryawe na nomero ya telefone yawe kugira ngo zizagukurikirane zimenye uko umerewe. Zizakubaza ibyerekeranye na sitati y'ubwimukira cyangwa niba utuye mu buryo bwemewe n'amategeko.

KINYARWANDA

## Ubuvuzi butangirwa muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika

Muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika hari inzego zitandukanye z'ubuvuzi bitewe n'ubuvuzi ukeneye:

### Umuganga w'ibanze ukuvura:
(Primary Care Doctor)

- Ubuvuzi busanzwe n'ubwo kwirinda indwara
- Bisaba ko waka randevu
- Ingero: Ikizamini cy'umubiri, uburwayi bw'akarande, kwikingiza, kwisuzumisha, taransiferi

### Icyumba cy'indembe cyo ku bitar:
(Hospital Emergency Room)

- Uburwayi bukomeye cyangwa indwara ikomeye isaba ko ubuhabwa ubuvuzi bw'ako kanya
- Ubusanzwe, bakora amasaha 24 ku munsi, iminsi 7 mu cyumweru
- Ingero: Ikibazo cyo guhumeka, kubabara mu gatuza, gukomereka ahantu hanini, kugagara uruhande rumwe, kugwa igicuri, gutakaza ubwenge, uburwayi bukomeye

### Ubuvuzi bwihuse:
(Urgent Care)

- Uburwayi cyangwa indwara ikuzahaza ariko itaguhitana
- Amasaha aratandukanye bitewe n'ahantu
- Ingero: Imvune, kuvunika igufa byoroheje, gukomereka ahantu hato, uburwayi bwibasira imyana y'ubuhumekero ya ruguru, uburwayi bwa sinezite, uburwayi bwibasira umuyoboro w'inkari

**Uguha serivisi z'ubuvuzi asabwa kuguha ubufasha mu by'indimi n'ubusemuzi igihe abisabwe.**

**Hamagara 911** niba umuntu akeneye imbangukiragutabara cyangwa abaganga babyigiye agize ikibazo cy'ubuzima gikomeye.

**Hamagara 988** niba umuntu afite ikibazo cy'ubuzima bwo mu mutwe.

**Hamagara (800) 222-1222 (Washington Poison Center)** hakenewe ubuvuzi bwihuse cyangwa hari ibibazo bijyanye no guhura cyangwa kunywa uburozi.

WASHINGTON POISON CENTER (800) 222 1222


## Ubuvuzi butangirwa muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika

Muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika hari inzego zitandukanye z'ubuvuzi bitewe n'ubuvuzi ukeneye:

### Umuganga w'ibanze ukuvura:
(Primary Care Doctor)

- Ubuvuzi busanzwe n'ubwo kwirinda indwara
- Bisaba ko waka randevu
- Ingero: Ikizamini cy'umubiri, uburwayi bw'akarande, kwikingiza, kwisuzumisha, taransiferi

### Icyumba cy'indembe cyo ku bitar:
(Hospital Emergency Room)

- Uburwayi bukomeye cyangwa indwara ikomeye isaba ko ubuhabwa ubuvuzi bw'ako kanya
- Ubusanzwe, bakora amasaha 24 ku munsi, iminsi 7 mu cyumweru
- Ingero: Ikibazo cyo guhumeka, kubabara mu gatuza, gukomereka ahantu hanini, kugagara uruhande rumwe, kugwa igicuri, gutakaza ubwenge, uburwayi bukomeye

### Ubuvuzi bwihuse:
(Urgent Care)

- Uburwayi cyangwa indwara ikuzahaza ariko itaguhitana
- Amasaha aratandukanye bitewe n'ahantu
- Ingero: Imvune, kuvunika igufa byoroheje, gukomereka ahantu hato, uburwayi bwibasira imyana y'ubuhumekero ya ruguru, uburwayi bwa sinezite, uburwayi bwibasira umuyoboro w'inkari

**Uguha serivisi z'ubuvuzi asabwa kuguha ubufasha mu by'indimi n'ubusemuzi igihe abisabwe.**

**Hamagara 911** niba umuntu akeneye imbangukiragutabara cyangwa abaganga babyigiye agize ikibazo cy'ubuzima gikomeye.

**Hamagara 988** niba umuntu afite ikibazo cy'ubuzima bwo mu mutwe.

**Hamagara (800) 222-1222 (Washington Poison Center)** hakenewe ubuvuzi bwihuse cyangwa hari ibibazo bijyanye no guhura cyangwa kunywa uburozi.

WASHINGTON POISON CENTER (800) 222 1222